

Kwemera Kwitabira Ubushakashatsi

Turagusaba kwemera kwitabira ubushakashatsi. Mbere yo kwemera, ugomba kubanza guhabwa incamake y'ubushakashatsi. Iyi ncamake igomba kuba irimo amakuru y'ingenzi agufasha gusobanukirwa impamvu wakwifuzwa cyangwa ntiwifuze gushyirwa mu bushakashatsi.

Mbere yo kwemera, umushakashatsi agomba kukubwira ibyerekeye:

- (i) intego z'ubushakashatsi, uko bukorwa n'igihe bumara;
- (ii) uburyo bwose bwigwaho;
- (iii) ingaruka zose, ibibuza amahwemo n'inyungu by'ubushakashatsi biteganywa;
- (iv) ubundi buryo bwose bwagira akamaro cyangwa ubuvuzi;
- (v) uburyo ibanga rizabikwa; n'
- (vi) uwo wavugisha igihe ufite ibibazo byo kubaza, ibitishimiwe n'ibikomere.

Niba bihari, umushakashatsi agomba no kukubwira ibyerekeye:

- (i) indishyi zose cyangwa ubuvuzi byatangwa mu gihe habaho ibikomere;
- (ii) ingaruka zishobora kubaho zitateganyijwe;
- (iii) ibihe byabaho umushakashatsi agahagarika uruhare rwawe;
- (iv) ibiguzi byose by'inyongera kuri wowe;
- (v) uko byagenda uramutse ufashe icyemezo cyo guhagarika kwitabira;
- (vi) igihe uzabwirwa ibintu bishya byagaragaye byagira ingaruka ku bushake bwawe bwo kwemera kwitabira;
- (vii) umubare w'abantu bazaba bari mu bushakashatsi; n'
- (viii) uburyo ugomba gutanga uruhushya ku ikoresha ry'amakuru yawe mu bushakashatsi.

Kwitabira ubu bushakashatsi kwawe ni ubushake, ntuzahanwa cyangwa ngo wimwe ibyo wanagerwaga niba wanze kwitabira cyangwa ufashe icyemezo cyo kubihagarika. Gushyira umukono kuri iyi nyandiko bivuze ko wasobanuriwe ubushakashatsi, harimo n'amakuru yavuzwe hejuru, mu magambo, kandi ko wemeye kubwita ku bushake. Niba wemeye kwitabira, ugomba guhabwa kopi y'iyi nyandiko iriho umukono n'incamake y'ubushakashatsi yanditse mu Cyongereza.

Ibibazo?

Niba hari ibibazo, ibitishimiwe, ibikomere cyangwa impungenge kuri ubu bushakashatsi, wahamagara umushakashatsi kuri numero za telefoni zatanze mu ncamake y'ubushakashatsi iri mu nyandiko. Ubye ufite ibibazo ku burenganzira bwawe nk'uwitabira ubushakashatsi, cyangwa ufite ibibazo, ibitishimiwe cyangwa impungenge wumva utaganiraho n'umushakashatsi, wavugisha ibiro bya komite ishinze isuzuma kuri numero ya telefoni cyangwa imeyili biri mu ncamake y'ubushakashatsi iri mu nyandiko.

Amazina y'Uwitabira

Umukono w'Uwitabira

Itariki

Ndemeza ko mu gihe cyose igikorwa cyo gutanga uruhushya muri ubu bushakashatsi cyamaze nari mpari nk'umusemuze. Ndemeza ko nujuje ibisabwa kandi ko mfite ubumenyi bukenewe bwo gusemura ibiri mu rurimi rw'uwitabira n'Icyongereza. Mu gushyira umukono kuri iyi fishi, nemeje ko nasemuye neza uko nshoboye ibintu byose byaganiriwe hagati y'umushakashatsi ushaka kwemererwa n'uwitabira ubushakashyatsi.

Amazina y'Umusemuze

Umukono w'Umusemuze

Itariki